



UBUTUMWA BWA NYAKUBAHWA MADAMU JEANNETTE
KAGAME

Ihuriro rya 13 ry'Imbutu Zitoshye –
Edified Generation Holiday Camp



KU WA 14 NZERI 2023
GISAGARA

**Nyakubahwa Munyamabanga wa Leta muri Minisiteri
y'Urubyiruko,**

Nyakubahwa Guverineri w'Intara y'Amajyepfo,

Nyakubahwa Mayor w'Akarere ka Gisagara,

Esteemed Partners - Bafatanyabikorwa bacu,

Bayobozi mu nzego zitandukanye,

**Soeur Marie Grâce uyobora iki kigo cya Groupe
Scolaire Sainte Bernadette Save,**

Batumirwa Bahire,

Bana bacu - Imbutu Zitoshye,

Muraho Neza!

- Nishimiye kuba ndi kumwe namwe uyu muni ubwo twongeye guhura ku nshuro ya 13 muri iri huriro ngarukamwaka.
- Mbere na mbere, ndashaka gushimira urubyiruko mwese muteraniye hano kuba mwitabiriye ubutumire bwacu muri benshi.

- Dutewe ishema n' uko amahirwe mwahawe muyakoresha neza, mugakomeza gutsinda neza. Biragaragaza ko amaboko yabaramiye ataruhiye ubusa, bikanashimangira koko, ko muri **Imbuto Zitoshye**.
- Tukivuga ku by'imitsindire, twamenye ko mu manota yatangajwe na Minisiteri y'Uburezi y'ibizamini bya Leta bisoza icyiciro rusange, muri mwe hari abatsinze n'amanota yo hejuru, ndetse n'umunyeshuri wa mbere ku rwego rw'igihugu, mu cyiciro rusange, akaba ari umwe muri mwe!
- Ibikorwa Imbuto Foundation ikorana n'urubyiruko ndetse n'umuryango muri rusange, bigamije kubaka ubushobozi. Namwe mubigire intego, ibyo mwiga mubisangize abandi.
- Niyo mpamvu gahunda ya Edified Generation itita gusa ku masomo, ahubwo dutegura n'uyu mwanya wo kubaganiriza ku bindi byabagirira akamaro.

- Ndashaka kandi gushimira byimazeyo, namwe bafatanyabikorwa, mudahwema kwitanga, kugira ngo iyi gahunda yo gushyigikira uburezi kuri bose ikomeze. Inkunga yanyu ni ntagereranywa mu kurera no gukuza izi mpano zikiri nto, no kubafasha kugera ku nzozi zabo.
- Intego Igihugu cyacu cyihaye yo kugeza uburezi kuri bose, aho buri mwana w’Umunyarwanda afite uburenganzira bwo kujya mu ishuri, ndetse akiga mu byiciro byose neza, turi kugenda tuyigeraho.
- Mwarabibonye, mu byavuye mu ibarura rusange ry’ abaturage n’imiturire, imibare y’abitabira ishuri igenda yiyongera, kuri ubu dufite abana benshi barangiza amashuri yisumbuye, ndetse n’abarangiza kaminuza. Ariko na none, ntitwakirengagiza ko inzira ikiri ndende.
- Abanyeshuri twahuriye hano uyu munsi baracyakeneye kwitabwaho no guherekezwa, kugira ngo barusheho kubyaza umusaruro ubumenyi bunguka, nabo ejo bazaherekeze abandi.

Rubyiruko Rwacu, Imbutu Zitoshye,

- Ubwo tugize umugisha tukongera guhurira hamwe uyu muni, nifuzaga ko twafata umwanya wo gutekereza ku buryo bwo kubyaza umusaruro ibyo duhabwa.
- Niba mujya mukurikira amakuru ya bakuru banyu banyuze muri iyi gahunda, ubu abenshi basoje amasomo, abandi baracyakomeza; gusa iteka tunezezwaga no kumva bari mu mirimo n'inshingano zitandukanye.
- Kumva bene izo nkuru z'ubutsinzi, ni isoko y'imbaraga, itwereka ko imvune zose muhura nazo atari iz'ubusa. Ndetse ko hamwe no kwiyemeza no guhozaho, ntakintu na kimwe gikwiye kubabera imbogamizi ngo kibabuze gukabya inzozi zanyu. **The sky is no longer the limit.** Mwaguke kandi muzagere kure.

Bana bacu,

- Intwaro irusha izindi mufite ni ubwenge bwanyu. Rero, mwirinde icyabuhungabanya cyose ahubwo muharanire gushaka icyabukuza: harimo nko kwitabira **ibikorwa ngororamubiri (sport), gusoma, guhanga udushya, ibikorwa by’imyidagaduro** n’ibindi.
- Mwitandukanye n’imyitwarire idahwitse. Mwirinde inzoga n’ibindi biyobyabwenge kuko byica.
- Muri iyi si y’iterambere ryinshi kandi rimwe na rimwe riza ryihuse, murisingire kuko mwagize amahirwe mukaba mufite icyo **‘exposure’**, ariko aha naho mukwiye kugira amahitamo meza. Ngira ngo mwese mujya mwumva ubwambuzi, ubucuruzi bw’abantu, n’ibindi bikorwa bibi, cyangwa ingeso mbi abana bato nkamwe bashobora guhura nazo binyuze mu ikoranabuhanga.
- N’ubwo twakomeje kuvuga amahitamo meza, gukora neza, ibi byose bisaba ko n’umuntu ubwe aba afite ubuzima bwiza. Ikinyarwanda kibivuga neza ko **‘Roho nzima ikwiye gutura mu mubiri muzima’**.

- Ntabwo nakwibagirwa rero kubibutsa akamaro ko **kwita ku buzima bwo mu mutwe.**
- Niba hari ikitagenda neza, cyangwa hari uwo mutumvikanye, wibyiharerana cyangwa ngo ubikemuze ibitagufitiye umumaro nk'ibiyobyabwenge, cyangwa ibindi bikwangiza, ahubwo shaka uwo wizeye wagutega amatwi ubimuganirize.
- Bimwe mu byo mwaganirijwe muri iri huriro harimo indangagaciro na kirazira, zimwe muri izo ndangagaciro, ni **Gukunda igihugu, Ubunyangamugayo, Ikinyabupfura, Ubutwari, Gukunda umurimo no kuwunoza, Urukundo n'Ubwitange....**
- Hari umwitozo mwiza nshaka ko muzagerageza gukora, uzabafasha kubahiriza izi ndangagaciro: buri wese ahitamo indangagaciro nibura 7 zitandukanye, hanyuma buri ndangagaciro ayijyanishe n'umunsi w'icyumweru, ibe nk'ingengabihe ye. Hanyuma buri munsi ujye uvuga uti ndaharanira kubahiriza iyi ndangagaciro. Ibyo bizagufasha kuzirikana igikwiye kukuranga buri gihe. Bizagera aho bijye no mu buzima bwawe bwa buri munsi.

Dear Partners,

- I stand before you with a heart full of gratitude and hope. You have matched Imbuto Foundation's commitment to uplift entire communities, by facilitating the access of Rwandan children, to the brightest and greenest path to prosperity: Education.
- And the children you have put your trust in have indeed excelled.
- Many of them are now successful young professionals, contributing and yes, in some cases, driving our nation's development. For this, I am certain that both our dear 21-year-old Edified Generation, and the entire Imbuto Family, sincerely thank you.

Ladies and Gentlemen,

- We have noted school dropout to be on the rise, in spite of our consistent efforts. Unfortunately, there are persist factors outside of our control, such as global economic constrains, that hinder even our most brilliant students, in completing their education.

- Imbuto Foundation pledges to renew and multiply its efforts in preventing our future leaders of tomorrow, our future partners of tomorrow, our beloved present children, from being deprived of the education which must remain their human right.
- Thank you for trusting in our vision, as a Foundation and beyond that, as a country. We will not let you down, and every additional effort or pledge towards our youth's education will be met with more successes, more awards, more senior professional titles, for us all to celebrate together.

Batumirwa Bahire,

- Nagira ngo mumfashe dushimire ibigo by'amashuri bidufasha kurera aba bana. Nagi rango kandi nshimire ubuyobozi bw'Akarere ka Gisagara n'ubuyobozi bw'ikigo cy'ishuri cya Sainte Bernadette, ko mwatwakiriye neza. Turabashimira kubw'ubufatanye dusanganywe, no mu bindi bikorwa.

Bana bacu,

- Mu izina ryanjye bwite, mw'izina ry'umuryango Imbuto Foundation n'abafatanyabikorwa bacu, nagirango mbizeze ko duhari kugirango dushyigikire intambwe zanyu zose kandi zihore ziganisha aheza!
- Ingengabihe ya Minisiteri y'uburezi igaragaza ko mu minsi 11 muzatangira amasomo y'umwaka wa 2023-2024. Mutangirane intego. Muzakorane umurava, musubiremo amasomo yanyu neza kandi mugire **discipline**. Mwubahe ababarera, mubanire neza abandi, mubabere urugero!
- Murakoze, Mugire amahoro!